REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 14 GASHYANTARE 2014.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa **14 Gashyantare 2014** yitabirwa n'abajyanama 23 kuri 28 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kurahiza Umujyanama KARORERO Christophe, Perezida w'abikorera mu Karere ka Huye.
2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye kuwa 04/10/2013 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
3. Kwiga ku ngengo y'imari ivuguruye ya 2013-2014.
4. Kwemeza Expropriations zasabwe n'ahazatuzwa abanyarwanda batahutse bava Tanzaniya.
5. Gushyiraho Komite ishinzwe gukurikirana imitungo itagira bene yo.
6. Gusuzuma raporo y'ibyavuye mu bugenzuzi bwite w'Akarere mu mwaka wa 2012-2013.
7. Gusuzuma aho imihigo y'Akarere ya 2013-2014 igeze ishyirwa mubikorwa.
8. Gushyiraho Komite Ngenzuzi mu Karere(Audit Committee).

9. Kwemeza igitabo cy'Akarere gikubiyemo imitangire ya service (Service charter).

10. Ibindi: Ikibazo cy'abaturage bubakiwe amazu y'imidugudu mu Murenge wa Tumba, mu Kagari ka Mpare mu mudugudu wa Musange n'uw'Akarugiranka.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwakira indahiro y'umujyanama mushya Bwana KARORERO Christophe, uhagarariye abikorera mu Karere;
ii. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 04 Ukwakira 2013, imaze kuyikorera ubugororangingo;
iii. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye (Révision budgétaire) y'umwaka wa 2013-2014 ingana na miliyari cumi n'imwe miliyoni magana cyenda mirongo itanu n'esheshatu ibihumbi magana abiri mirongo itatu na birindwi magana cyenda mirongo itatu n'umunani(**11,956,237,958 Frw**);
iv. Kwemeza igenagaciro(expropriation)ry'ahagenewe kubakwa inganda I Sovu, ahazubakwa ishuri i Gasumba n'ahubakwa isoko ry'amatungo rya Gishamvu;
v. Kwemeza ahazatuzwa abanyarwanda batahutse bava muri Tanzaniya;
vi. Kwemeza Komisiyo y'Akarere ishinzwe imicungire y' imitungo idafite bene yo;
vii. Gusaba ko inama zatanzwe n'umugenzuzi bwite w'Akarere ndetse n'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta mu bugenzuzi bakoze muri 2012-2013, zishyirwa mubikorwa 100% kandi abagaragaweho amakosa bagakurikiranwa;
viii. Kwemeza abagize Komite Ngenzuzi (Audit Committee) mu Karere;
ix. Kwemeza igitabo cy'Akarere gikubiyemo imitangire ya serivisi.

Ibyemezo

1. Inama Njyanama yakiriye indahiro y'umujyanama mushya Bwana KARORERO Christophe, uhagarariye abikorera mu Karere ka Huye.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 04 Ukwakira 2013, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari ivuguruye (Révision budgétaire) y'umwaka wa 2013-2014 ingana na miliyari cumi n'imwe miliyoni magana cyenda mirongo itanu n'esheshatu ibihumbi magana abiri mirongo itatu na birindwi magana cyenda mirongo itatu n'umunani(**11,956,237,958 Frw**) nk'uko muyisanga ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yemeje igenagaciro(expropriation)ry'ahagenewe kubakwa inganda I Sovu, ahazubakwa ishuri i Gasumba n'ahubakwa isoko ry'amatungo rya Gishamvu ku buryo bukurikira:

NO	**IGIKORWA**	**AHO UBUTAKA BUHEREREYE**			**UBUSO**	**IGENAGACIRO/FRWS**
		UMURENGE	AKAGARI	UMUDUGUDU		
1	Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage iri ahagenewe kubakwa inganda I Sovu	HUYE	SOVU	RWEZAMENYO, KIGARAMA, GIKOMBE	48.7ha	597,909,830
2	Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage iri ahazubakwa ishuri i Gasumba	MARABA	GASUMBA	GITWA	1.1ha	8,701,889
3	Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage iri ahubakwa isoko rya Gishamvu	GISHAMVU	SHOLI	RUSASA	1.9ha	4,116,525

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yemeje ahazatuzwa abanyarwanda batahutse bava muri Tanzaniya mu mirenge 13 yo mu Karere ku buryo bukurikira:

NO	UMURENGE	AKAGARI	SITE ZEMEJWE	IBIBANZA BYAHABONETSE
1	KINAZI	GITOVU	KINAZI	10
2	RUSATIRA	KIRUHURA	RUGARAMA	2
3	RWANIRO	NYARUHOMBO	KIBARA	8
4	RUHASHYA	KARAMA	NYAKIGEZI	15
5	MUKURA	BUKOMEYE	TABA	8
6	HUYE	NYAKAGEZI	MPUNGWE	6
7	GISHAMVU	RYAKIBOGO	KIDUHA	1
		SHOLI	RUSASA	3
8	KIGOMA	GISHIHE	BIRAMBO	8
9	MARABA	SHANGA	GASHOKA	3
10	SIMBI	MUGOBORE	RUGARAMA	3
11	MBAZI	BYIZA	KINYANA	2
12	KARAMA	GAHORORO	UMUYANGE	4
13	TUMBA	MPARE	AKARUGIRANKA	1
	IGITERANYO			**74**

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yasabye Komisiyo ya Njyanama y'Akarere y'Iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage kuzasura abanyarwanda batahutse bava Tanzaniya kugirango barebe uburyo babayeho n'uko bakiriwe n'abaturage. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gufasha abanyarwanda batahutse bava Tanzaniya, bagahabwa ibibanza hakurikijwe ingano isanzwe yubakwaho amazu y'umudugudu(20m/30m), ariko mu mirimo y'amaboko igenda iboneka mu Mirenge bakajya batekerezwaho mbere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Hakurikijwe itegeko no 28/2004 ryo kuwa 03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo itagira bene yo; Inama Njyanama yemeje abagize Komisiyo y'Akarere ishinzwe imicungire y' imitungo idafite bene yo ku buryo bukurikira:

NO	AMAZINA	UMURENGE	IMIRIMO AKORA	IMPAMVU YEMEJWE
1	HABUMUREMYI Englebert	NGOMA	Umukozi wa Kaminuza akaba n'umukuru w'umudugudu wa Taba muri Ngoma	Azi amakuru ku mitungo itagira bene yo mu mujyi wa Huye
2	NKURIKIYINKA Faustin	SIMBI	Arikorera. Yabaye Vice Mayor mu cyahoze ari Akarere ka Maraba. Yanabaye Assistant Bourgmestre	Afite amakuru menshi ku bijyanye n'imitungo itagira bene yo cyane cyane mu Mirenge ya Simbi, Kigoma na Maraba.
3	MUKAMURARA M. Josee	MUKURA	Ni umukozi w'Ibitaro bya Kaminuza(CHUB)	Akomoka mu Murenge wa Mukura, niho atuye kuva mbere ya Jenoside akaba hari uruhare rukomeye yagira muri iyo Komisiyo.
4	KAYITESI Francine	RUSATIRA	Ni Umuyobozi w'Ikigonderabuzima cya Rubona mu Murenge wa Rusatira	Amaze mandat 2 z'ubujyanama mu Murenge wa Rusatira kandi asobanukiwe cyane ibibazo biri mu Murenge abereye umujyanama n'iyo bahana imbibi.
5	NIYIBIZI Boniface	NGOMA	Umukozi w'Akarere ushinzwe imiyoborere myiza	Asanzwe ashinzwe gukemura ibibazo by'abaturage

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje ko abagize Komisiyo ishinzwe imicungire y'imitungo itagira bene yo bazajya bahabwa amafaranga y'insimburamubyizi angana ni ahabwa Komisiyo z'Inama Njyanama y'Akarere mu gihe bateranye. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Nyuma yo kugezwaho raporo y'ibyavuye mu bugenzuzi bwite bw'Akarere mu mwaka wa 2012-2013, Inama Njyanama yasabye ko inama zatanzwe n'umugenzuzi bwite w'Akarere ndetse n'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta mu bugenzuzi bakoze muri 2012-2013 bureba umwaka wa 2011-2012 zashyirwa mubikorwa 100% kandi abagaragaweho amakosa bagakurikiranwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama imaze kugezwaho aho imihigo y'Akarere ya 2013-2014, yashimye uburyo irimo ishyirwa mubikorwa, isaba abajyanama kurushaho gukora ubukangurambaga ku mihigo ikorerwa mu Mirenge bahagarariye. Uyu mwanzuro wemjwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yemeje abajyanama b'Akarere bagize Komite Ngenzuzi mu Karere (Audit Committee) aribo:

- NKUSI MUKUBU Gérard
- TUYISENGE Védaste
- BIZIRAMWABO Gervais
- UWAMALIYA Vénéranda
- UWAMWEZI Gloriose

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama yemeje igitabo cy'Akarere gikubiyemo imitangire ya serivisi(Service Charter). Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Nyuma yo kugezwaho ikibazo cy'abaturage bubakiwe amazu y'imidugudu na Leta mu Murenge wa Tumba, mu Kagari ka Mpare mu mudugudu w'Akarugiranka na Musange; Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukomeza gukurikirana icyo kibazo nk'uko byari byaremejwe n'Inama Njyanama, ikazageza mu Nama Njyanama itaha uko cyakemuwe. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe I Huye, kuwa 14/02/2014

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

Rev Dr Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye